Umuryango
w'Abibumbye

Arusha International Conference Centre
P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania
Tel: 255 27 2504207-11/2504367-72 or 1 212 963 2850 — Fax: 255 27 2504000/2504373 or 1 212 963 2848

16 Nzeri 2013

**Kuri** : Perezida w'Urwego Rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (« MICT »)
Arusha

**Binyujijwe kuri** : Gerefiye
MICT

Gerefiye w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (« TPIR »).

**Byanditswe na** : Ahmed Anees, Umugenzuzi washyizweho na TPIR/MICT mu rubanza rwa Munyagishari

# Raporo y'ubugenzuzi mu rubanza rwa Munyagishari (Nyakanga-Kanama 2013)

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
02/05/2014 10:30

R(RM)13-0023K

16 Nzeri 2013

# AMASHAKIRO

II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE---------------------------------------------------4

*A. Imyiteguro yo kwakira Munyagishari mu Rwanda* ------------------------------------------- *4*

*B. Imyiteguro yo kujyana Munyagishari mu Rwanda*-------------------------------------------- *5*

*C.Kugezwa mu Rwanda kwa Munyagishari*---------------------------------------------------- *6*

*D. Kubonana bwa mbere na Munyagishari mu Rwanda*---------------------------------------- *7*

*E. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 27 Nyakanga 2013*-------------------------------- *8*

*F. Kubonana n'Umuyobozi wa Gereza ku itariki ya 27 Nyakanga 2013* ---------------------- *9*

*G. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 30 Nyakanga 2013* ------------------------------*11*

*H. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 1 Kanama 2013* ---------------------------------*13*

*I. Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'abavoka rw'i Kigali* ----------------------------------*17*

*J. Kubonana na avoka w'izamu*-------------------------------------------------------------------*18*

*K. Munyagishari yitabye bwa mbere Urukiko rw'Ibanze*----------------------------------------*18*

*L. Icyemezo cy'Urukiko rw'Ibanze cyerekeye ifungwa ry'agateganyo* -----------------------*22*

*M. Kubonana n'Umuyobozi wa Gereza ku itariki 7 Kanama 2013*----------------------------*23*

*N. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 7 Kanama 2013* ----------------------------------*25*

*O. Iburanisha mu bujurire mu Rukiko Rwisumbuye*-----------------------------------------*26*

*P. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 21 Kanama 2013* --------------------------------*32*

*Q. Urugaga rw'abavoka rwagennye Avoka umwunganira.* ------------------------------------*33*

*R. Kurinda umutekano w'abatangabuhamya* -----------------------------------------------*34*

*S. Kubonana no kuganira n'abategetsi bo muri Leta* --------------------------------------*36*

*T. Izindi nama, ibyakozwe, n'ibitekerezo*--------------------------------------------------- *37*

III. UMWANZURO ---------------------------------------------------------------------------- 38

16 Nzeri 2013

# I. INTANGIRIRO

1. Mbagejejeho iyi raporo ya mbere (« Raporo »)[1] nk'umugenzuzi washyizweho na TPIR/MICT ushinzwe kureba imigendekere y'urubanza rwa Bernard Munyagishari (« Munyagishari ») ruburanishirizwa mu nkiko zo muri Repubulika y'u Rwanda[2].

2. Munyagishari yoherejwe mu Rwanda ku itariki ya 24 Nyakanga 2013, hashingiwe ku Cyemezo cyo ku itariki ya 6 Kamena 2012 cyafashwe n'Urugereko rwari rushinzwe gusuzuma iyimurwa ry'urubanza rwe nk'uko cyemejwe n'Urugereko rw'Ubujurire ku itariki ya 3 Gicurasi 2013.

3. Iyi Raporo yerekeranye n'ibyakozwe mu rubanza rwa Munyagishari mu nkiko zo mu Rwanda, yerekeranye kandi n'imishyikirano abagenzuzi bashyizweho na TPIR / MICT (ari bo Anees Ahmed, Constant Hometowu) bagiranye n'abantu banyuranye barebwa n'ikibazo muri Nyakanga-Kanama 2013 (« Igihe kirebwa n'iyi Raporo »).

4. Mu gihe kirebwa n'iyi Raporo, abagenzuzi bagiye mu Rwanda inshuro eshatu[3].

---

[1] Mu rwego rwo gushaka gutanga amakuru yuzuye, raporo y'ukwezi kwa Nyakanga n'ukwa Kanama zatanzwe mu nyandiko imwe. Perezida wa MICT yemereye abagenzuzi kubikora batyo ku itariki ya 30 Kanama 2013.

[2] Gushyiraho abo bagenzuzi byabaye hakurikijwe ibaruwa yo mu kazi yo ku itariki ya 29 Gicurasi 2013, Gerefiye wa MICT yandikiye uwa TPIR. Gerefiye wa TPIR yemeye ishyirwaho ry'abo bagenzuzi mu ibaruwa yandikiye Gerefiye wa MICT ku itariki ya 31 Gicurasi 2013.

[3] Mu gihe cy'izo ngendo hakozwe kandi n'ubugenzuzi mu rubanza rwa Jean Uwinkindi, biteganyijwe ko ruzatangira kuburanishwa n'Urukiko Rukuru ku wa 11 Ukwakira 2013.

# II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

### *A. Imyiteguro yo kwakira Munyagishari mu Rwanda*

5. Umugenzuzi wa TPIR/MICT Constant Hometowu yagiye mu Rwanda ku itariki ya 21 Nyakanga 2013 kureba aho TPIR/MICT n'abategetsi bo mu Rwanda bageze imyiteguro yo kwakira Munyagishari ku itariki ya 24 Nyakanga 2013, umunsi byari biteganyijweho ko azoherezwa na TPIR[4].

6. Ku itariki ya 23 Nyakanga 2013, Hometowu yagiye mu nama ebyiri zitandukanye zabereye mu biro by'Umushinjacyaha mukuru w'u Rwanda, aho intumwa za TPIR n'abakozi bo mu Rwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru baganiriye ku buryo Munyagishari azoherezwa akanashyikirizwa [inzego z'ubutabera bwo mu Rwanda] ubwo azaba ageze ku Kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali.

7. Hometowu yagiye mu yindi nama yabereye mu biro by'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru ku itariki ya 23 Nyakanga 2013, aho abashinzwe umutekano bamugejejeho ingamba zafashwe mu rwego rwo gutwara no kurinda umutekano wa Munyagishari ubwo azaba yoherejwe akanashyikirizwa [inzego z'ubutabera zo mu Rwanda] ku Kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali.

---

[4] Iki cyiciro gishingiye ku byanditswe na Bwana Hometowu.

### *B. Imyiteguro yo kujyana Munyagishari mu Rwanda*

8. Ku itariki ya 24 Nyakanga 2013, mbere yo kuva muri Gereza y'Urukiko rw'Umuryango w'Ababibumye iri Arusha, ibintu bya Munyagishari n'amadosiye ye byafungiwe mu bikarito bitatu, bishyirwaho ubujeni ahibereye, kugira ngo na byo bishyirwe mu ndege imujyanye mu Rwanda. Mbere y'uko Munyagishari ajyanwa ku Kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kilimanjaro, nabonanye na we ku cyicaro cya TPIR. Namubwiye ko ndi umugenzuzi washyizweho na TPIR/MICT ushinzwe kugenzura no gutanga raporo ku migendekere y'urubanza rwe ubwo azaba amaze gushyikirizwa ubutegetsi bwo mu Rwanda. Namumenyesheje kandi ko mu bantu bazamwakira akigera i Kigali hazaba harimo na Hometowu. Namusobanuriye kandi inshingano z'abashinzwe ubwo bugenzuzi. Mu kurangiza, nabwiye Munyagishari ko mu minsi ya vuba nzagirira urugendo mu Rwanda kandi ko nzamusura muri gereza ku itariki ya 27 Nyakanga 2013 cyangwa hafi yayo.

9. Bisabwe na Munyashari ubwe, abakozi bo muri TPIR bamuhaye kopi y'Amategeko remezo ya TPIR ari mu rurimi rw'igifaransa kugira ngo ayitwaze ajyanjywe mu Rwanda.

10. Maze kubonana na Munyagishari, Bwana Saidou Guindo, umuyobozi w'Ishami rishizwe umutekano muri TPIR akaba na komanda wa Gereza y'Urukiko, yamenyesheje ko Muganga wo mu Ishami ry'ubuvuzi rya TPIR, Dogiteri Nadine Ufitinema yakoreye Munyagishari isuzumabuzima rirambuye kandi ko inyandiko

zigaragaza ibyavuye muri iryo suzuma ziri mu zizashyikirizwa ubutegetsi bwo mu Rwanda ubwo Munyagishari azaba ageze i Kigali.

11. Bwana Guindo yanamenyesheje ko we ubwe azaherekeza Munyagishari mu Rwanda, agiye guhagarikirira igikorwa cyo kumushyikiriza icyo gihugu.

### *C. Kugezwa mu Rwanda kwa Munyagishari*

12. Ku itariki ya 24 Nyakanga 2013, saa kumi n'imwe n'iminota 20 (isaha yo muri Afurika yo hagati), ni bwo Munyagishari yageze ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali azanywe n'indege ya *RwandAir* yari iturutse ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kilimimanjaro. Bwana Guindo n'abashinzwe kurinda umutekano babiri baherekeje Munyagishari mu ndege. Bakimara kuhagera, bakiriwe n'intumwa za TPIR zirimo Roland Amoussouga umuvugizi wa TPIR, Constant Hometowu umugenzuzi washyizweho na TPIR/MICT, Jonadab Codjoe umukuru w'agateganyo w'Ishami rishinzwe umutekano muri TPIR Kigali hamwe na Edouard Tossou umujyanama mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumye rishinzwe umutekano mu Rwanda[5],

13. Aho ku Kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali, Amoussouga wari uhagarariye Gerefiye wa TPIR yashyikirije Munyagishari abakozi b'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru, hari Hometowu umugenzuzi washyizweho na MICT na Vincent Lyimo umugenzuzi washyizweho na Porokireri wa MICT. Ku kibuga na

[5] Iki cyiciro gishingiye ku byanditswe na Bwana Hometowu.

none ni ho intumwa za TPIR zashyikirije abategetsi b'u Rwanda ibintu bya Munyagishari, amadosiye ye arimo n'iyo kwa muganga yateguwe na Dogiteri Ufitinema.

14. Ibibazo Munyagishari yabajijwe mu kinyarwanda n'abategetsi bo mu Rwanda ntiyabisubije, ahubwo yavuze mu gifaransa ko atazi ikinyarwanda. Yasobanuye ko we atari umunyarwanda, ko afite ubwenegihugu bwa Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo.

### *D. Kubonana bwa mbere na Munyagishari mu Rwanda*

15. Ku itariki ya 25 Nyakanga 2013, Hometowu yabonanye na Munyagishari kuri Gereza nkuru ya Kigali («Gereza »), hari Amoussouga na Guindo. Munyagishari yamenyesheje Hometowu ko akimara kugera muri Gereza ku itariki ya 24 Nyakanga 2013 yahise ahura na muganga w'iyo Gereza wamumenyesheje ko bateganya kuzajya kumukorera isuzumabuzima rusange ku Bitaro by'i Kigali byitiriwe Umwami Fayçal[6].

16. Munyagishari kandi yamenyesheje Hometowu ko atari yahitamo avoka, ariko bitewe n'uko azavuga ko adashoboye kwirihira avoka, azasaba ko uwo azahitamo azishyurwa mu mafaranga yagenwe kwishyurira ba avoka abaregwa badashoboye kubihembera. Munyagishari kandi yanyemereye ko yahawe urutonde rw'amazina

[6] Iki cyiciro gishingiye ku byanditswe na Hometowu.

y'abavoka 57 bo mu Rugaga rw'Abavoka rw'i Kigali (« KBA » mu mgambo ahinnye y'icyongereza) ashobora gutoranyamo uwamwunganira.

17. Hometowu yasuye icyumba Munyagishari afungiyemo, kari mu gipangu cyihariye cya Gereza. Icyo gipangu bakunze kwita icy' « abantu bakomeye » (« VIP ») cyubakiwe abagororwa b'igitsinagabo, bahimuriwe baturutse muri TPIR, MICT, cyangwa muri za gereza zo mu bihugu. Gifite umuryango wihariye n'urukuta rugitandukanya n'igice rusange cya gereza kibamo ibindi byiciro by'abagororwa.

***E. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 27 Nyakanga 2013***

18. Nyuma y'uko Hometowu abonanye bwa mbere na Munyagishari ku itariki ya 25 Nyakanga 2013, nabonanye na we muri Gereza inshuro enye aho twaganiriye ku buryo burambuye kandi hari izindi nshuro eshatu twahuriye mu rubanza tukamarana umwanya muto.

19. Ku itariki ya 27 Nyakanga 2013, nabonanye na Munyagishari kuri Gereza, hari na Hometowu. Muri ibyo biganiro, Munyagishari yinubiye ibintu bimwe na bimwe byerekeye imiburanishirize y'urubanza rwe imbere ya TPIR. Mu byo yavuze harimo 1) ko Urugereko rw'Ubujurire rwa TPIR rutasuzumye niba hari inenge ziri mu Nyandiko y'ibirego yakorewe, nk'uko rwabigenje mu rubanza rwa Uwinkindi; 2)ko Urugereko rw'Ubujurire rutitayeho kuba Munyagishari nta cyizere yari agifitiye Philippe Moriceau Avoka wamwunganiraga muri TPIR, akavuga ko uwo avoka atari akimuvugishaga kugira ngo amugire n'inama, kandi ko Munyagishari

yari yarasabye kunganirwa n'undi avoka; 3) ko Gerefiye wa TPIR atafashe icyemezo ku Cyifuzo cya Munyagishari cyasabaga guhindura avoka; kandi 4) ko TPIR yamwimuriye mu Rwanda «hutihuti» mu gihe Icyifuzo cye cya nyuma cyari kigisuzumwa n'Urugereko rw'ubujurire[7].

20. Munyagishari yavuze ko atabashije kwihitiramo avoka mu Rwanda kuko urutonde yahawe n'Urugaga rw'Abavoka we yasangaga rutuzuye.

21. Mu gusoza, Munyagishari yavuze ko yabonanye n'ikipe y'abashinjacyaha bo mu Rwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru hagakorwa inyandikomvugo irimo n'amakuru yahatiwe gutanga ku birebana n'aho abagize umuryango we baherereye. Yavuze ko yanze gusinya iyo nyandiko kuko yatekerezaga ko bashobora guhohoterwa, bitewe n'amakuru yari amaze gutanga aranga aho baherereye.

### *F. Kubonana n'Umuyobozi wa Gereza ku itariki ya 27 Nyakanga 2013*

22. Ku itariki ya 27 Nyakanga 2013, jye na Hometowu twabanje gukorana inama n'Umuyobozi wa Gereza Rusa Gahima, ku byerekeye uko Munyagishari yashyitse mu Rwanda n'imirebeho ye muri Gereza.

23. Gahima yatubwiye ko Munyagishari yashyikirijwe ubuyobozi bwa Gereza nka saa moya z'ijoro ku itariki ya 24 Nyakanga 2013, bumuhawe n'abakozi ba Polisi y'u Rwanda. Yavuze ko azi ko indege yazanye Munyagishari yageze ku Kibuga

---

[7] Namenyesheje Munyagishari ko bitari mu nshingano z'abagenzuzi kugira icyo bavuga ku miburanishirize y'urubanza rwe yabereye muri TPIR mbere atarimurirwa mu Rwanda.

cy'indege mpuzamahanga cy'i Kigali saa kumi n'imwe n'iminota 20 z'umugoroba, ari bwo Munyagishari yashyizwe mu maboko y'abakozi b'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru. Gahima yavuze ko abakozi b'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru bamaze kubaza Munyagishari, Polisi y'u Rwanda yamuzanye kuri Gereza. Gahima kandi yatubwiye ko Gereza yashyikirijwe ibintu bya Munyagishari n'amadosiye ye, byaje mu bikarito byashyiriweho ubujeni kuri Gereza y'Umuryango w'Abibumye. Gereza na none yahawe amabahasha atatu, ebyiri muri zo zirebana na dosiye za Munyagishari zo kwa muganga, zashyikirijwe umuganga wa Gereza nk'uko bisabwa n'amategeko, n'iya gatatu ya Munyagishari irimo amadolari 30 y'Amanyamerika.

24. Gahima yambwiye ko, mu ijoro Munyagishari yagereyeho muri Gereza, muganga wa Gereza yamusuzumye kandi ko biteganyijwe ko azakorerwa isuzumabuzima rusange ku itariki ya 29 Nyakanga 2013 saa yine za mu gitondo ku Bitaro byitiriwe Umwami Fayçal. Gahima yavuze ko kugeza kuri iyo saha twabonanaga, Munyagishari yari atarigera asaba ubufasha bwihariye ubwo ari bwo bwose mu rwego rw'ubuvuzi.

25. Gahima yongeyeho ko Munyagishari yasabye kujya gusenga kandi ko azemererwa kujya ajyayo guhera ku itariki ya 29 Nyakanga 2013.

26. Ku birebana no gusurwa n'Ambasade, Umuyobozi wa Gereza yavuze ko Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa ruzasuzuma niba Munyagishari

akwiye kujya yoroherezwa kubona ubufasha bwo muri Ambasade ya Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo. Gahima yavuze ko kugeza kuri 27 nyakanga 2013, Munyagishari yari atarabona ubufasha bukomotse muri iyo ambasade, ariko anavuga ko Ubushinjacyaha bufite urubanza rwe na rwo bushobora kugira icyo bubivugaho. Gahima yemeje ko Munyagishari yajyanywe kubazwa ku biro by'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru ku itariki ya 25 Nyakanga 2013.

27. Gahima yavuze ko Gereza izaha Munyagishari mudasobwa igendanwa *« laptop»* kandi yongeraho ko imfungwa zose zo mu gipangu cyihariye cya Gereza zigenerwa mudasobwa igendanwa bakagira n'imashini *« printer »* basangiye ishobora gusohora ku mpapuro ibyanditswe muri mudasobwa.

28. Mu gusoza, Gahima yavuze ko azi neza ko umukobwa wa Munyagishari atuye i Kigali kandi ko ashobora gusura se, hakurikijwe amabwiriza yashyizweho na Gereza.

## *G. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 30 Nyakanga 2013*

29. Ku itariki ya 30 Nyakanga 2013, nabonanye na Munyagishari mu gipangu cyihariye cya Gereza, aho aba na Uwinkindi ndetse n'abandi baregwa boherejwe n'inkiko mpuzamahanga cyangwa iz'ibihugu. Munyagishari yongeye kumbwira ko yashyikirijwe urutonde rwatanzwe n'Urugaga rw'abavoka rw'i Kigali ruriho amazina 57 y'abavoka barwo ruvuga ko bafite uburambe ku kazi bw'imyaka 10

cyangwa irenga. Yavuze ariko ko icyo yifuza ari ukubona urutonde «rwuzuye» rw'abavoka kugira ngo abashe guhitamo azi neza icyo akora.

30. Munyagishari yavuze ko yasabye telefone kugira ngo avuganae kuvugana n'abavoka bari ku rutonde rwatanzwe n'Urugaga, bityo abashe guhitamo uwo ashaka. Yavuze ko icyifuzo cye kitakiriwe, ko ahubwo ubuyobozi bwa gereza bwamusubije ko agomba kubanza gutoranya avoka ku rutonde rwatanzwe n'Urugaga mbere yo kuvugana n'uwo ahisemo.

31. Munyagishari yatubwiye ko kugeza kuri iyo tariki twabonanaga ya 30 Nyakanga 2013, yari amaze kubazwa n'abakozi b'Urwego rw'Ubushinjacyaha inshuro eshatu (ku itariki ya 24, iya 25 n'iya 29 Nyakanga 2013). Yavuze ko izo nshuro zose yabajijwe adafite avoka umwunganira.

32. Munyagishari yavuze ko imirire yo muri Gereza atari myiza. Yavuze ko, kubera iyo mpamvu, mu cyumweru kimwe yari amaze i Kigali yatakaje ibiro bitatu; akiri Arusha yapimaga ibiro 96 ariko nyuma y'icyumweru kimwe yari asigaranye ibiro 93.

33. Munyagishari yavuze ko asanga imibereho muri Gereza ya Mpanga iruta kure iyo muri iyo gereza afungiyemo.

16 Nzeri 2013

### *H. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 1 Kanama 2013*

34. Ku itariki 1 Kanama 2013 nongeye kubonana na Munyagishari. Yambwiye ko kugeza icyo gihe yari atarashobora kubona telefone ngo avugane n'ushobora kuzamubera avoka, abantu bo mu muryango we cyangwa abashobora kuzamubera abatangabuhamya bashinjura. Yemeje ko ku itariki ya 31 Nyakanga yajyanywe mu Bitaro byitiriwe Umwami Fayçal mu rwego rwo gukorerwa isuzumabuzima rirambuye.

35. Munyagishari yavuze ko abantu batazwi bambaye imyambaro ya gisiviri hamwe n'abaporisi bitwaje intwaro bakunda kuza muri icyo gipangu cyihariye cya Gereza, bigatuma muri we yumva adatekanye. Ashingiye ku myumvire ye y'amategeko mpuzamahanga yerekeye gereza, uretse abakora muri gereza gusa bambaye iniforume yabugenewe, nta murinzi cyangwa umuporisi ufite intwaro bagombye kwemererwa kuza mu kigo cya Gereza.

36. Hanyuma Munyagishari yinubiye ibintu bimwe na bimwe birebana n'ukuntu afashwe mu rwego rw'amategeko kuva yakwimurirwa mu Rwanda, akavuga ko ibyo byamaze kandi bizakomeza kubangamira uburenganzira bwe bwo gucirwa urubanza ruboneye. Ibyo yinubira bisobanuye mu bika bikurikira :

(i) Munyagishari yabangamiwe no guhinduka kw'Itegeko rigenga kwimurira imanza mu Rwanda

37. Munyagishari yavuze ko u Rwanda rwarenze ku kintu gikomeye gisabwa cyerekeranye n'iyimurwa rye ubwo rwahinduraga Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda. Munyagishari avuga ko ibyemezo byafashwe muri TPIR ku birebana no kwimura urubanza rwe – icy'Urugereko rwasuzumye ikibazo cyo kwimura urubanza rwe ndetse n'icyo mu rw'Ubujurire – ari u Rwanda rwemeye kuzakurikiza Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda ryariho icyo gihe. Nyamara ariko, Munyangishari asanga, kubera ko u Rwanda rwafashe icyemezo nta wundi ugishijwe inama, rugahindura bikomeye Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda ryo ku itariki ya 16 Kamena 2013, rwahinduye bikomeye ingino zagomba kugenderwaho mu rubanza rwe. Bityo rero, ibyo byatesheje agaciro ibivugwa n'ibigenderewe mu byemezo bya TPIR birebana no kwimura urubanza rwe.

38. Munyagishari kandi yavuze ko Itegeko ridahinduye rigenga kwimurira imanza mu Rwanda ryari «itegeko ngenga », mu gihe irihinduye ari « itegeko risanzwe ».

39. Munyagishari kandi yavuze ko ibyo byemezo byombi, icy'Urugereko rushinzwe gusuzuma ikibazo cyo kwimura urubanza rwe n'icy'Urugereko rw'Ubujurire bisobanura ku buryo busobanutse ko urubanza rwe ruzaburanishwa n'Urukiko Rukuru rwo mu Rwanda. Nyamara ariko u Rwanda rwirengagije ingingo ya ngombwa kandi y'ibanze yerekeye iyimurwa rye, ubwo rwasohoraga muri Igazeti ya Leta Itegeko Ngenga N° 2/2013/OL ryo ku itariki ya 16 Kamena 2013, rivuga ko imiburanishirize mbanzirizarubanza yose mu rubanza rwe igomba kubera mu

Rukiko rw'Ibanze no mu rw'Isumbuye, aho bidashoboka kujuririra Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko rw'Ikirenga. Munyagishari akavuga ko ibyo ubwabyo byagombye kuba impamvu ihagije yo gutesha agaciro icyemezo cyo kwimurira urubanza rwe mu Rwanda.

40. Munyagishari yavuze ko imiburanishirize mbanzirizarubanza mu rubanza rwa Uwinkindi yabereye (cyangwa se irimo kubera) mu Rukiko Rukuru no/cyangwa mu rw'Ikirenga, mu gihe Munyagishari we abangamiwe n'uko imiburanishirize mbanzarubanza mu rubanza rwe irimo kubera mu Rukiko rw'Ibanze no mu Rwisumbuye. Asanga ari akarengane kuba hari ivangura hagati y'abantu bimuriwe mu Rwanda na TPIR.

(ii) Uburenganzira bwo gusurwa n'abakozi ba ambasade

41. Munyagishari yavuze ko yavukiye muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo kandi ko afite ubwenegihugu bwaho. Yashimangiye ko atari umunyarwanda kandi ko atari Umuhutu cyangwa Umututsi.

42. Munyagishari yavuze ko n'ubwo bwose yamenyesheje abayobozi ba Gereza n'ab'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru ko afite ubwenegihugu bwa Kongo, nta muntu wo muri Ambasade ya Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo y'i Kigali wigeze amusura. Yavuze ko amategeko mpuzamahanga yerekeye uko abagororwa bagomba gufatwa ateganya ko abakozi ba ambasade bagomba nibura

koroherezwa gusura umugororwa w'umunyamahanga mu masaha 48 nyuma y'ifungwa rye, akavuga ko ibyo byari bitarakorwa ubwo twabonanaga.

(iii) Kubazwa nta avoka umwunganira uhari

43. Munyagishari yavuze ko yahuye n'abakozi bo mu Rwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru inshuro eshatu, kandi ko yabahaye amakuru akomeye arebana n'imyirondoro y'abantu nta avoka umwunganira uhari. Yari afite impungenge ko ayo makuru azakoreshwa mu kumubangamira mu rubanza rwe no mu rwego rwo kugirira nabi abantu yatumye bamenyekana muri iryo bazwa.

(iv) Urubanza ruburanishwa mu rurimi atumva

44. Munyagishari yavuze ko buri nyandiko yahawe iri mu kinyarwanda kimwe n'uko na buri bazwa ryakozwe mu kinyarwanda kandi urwo rurimi atarwumva.

45. Abona rero binyuranye n'ibyo muri TPIR kuko inzego z'urwo Rukiko zakoraga uko zishoboye ngo inyandiko zose za ngombwa zibe zihinduye mu gifaransa kuko ari rwo rurimi yumva. Yongeyeho ko muri TPIR amaburanisha yabaga arimo gusemurwa mu gifaransa.

46. Yavuze ko n'ubwo bwose ari uko ibintu byagendaga muri TPIR, mu Rwanda yasabye guhabwa umusemuzi bamutera utwatsi.

(v) Uburenganzira bwo kujya gusenga

47. Munyagishari yavuze ko kuba abayobozi ba gereza bamubuza kujya mu mahuriro arebana n'iby'idini cyangwa bakabimwemerera rimwe na rimwe, ntibyubahirije uburenganzira bwe bwo gusengera mu idini rye, uburenganzira buteganywa n'amategeko y'u Rwanda n'amategeko mpuzamahanga.

***I. Kubonana na Perezida w'Urugaga rw'abavoka rw'i Kigali***

48. Ku itariki ya 1 Kanama 2013, nabonanye na Athanase Rutabingwa Perezida w'Urugaga rw'Abavoka rw'i Kigali wari uherekejwe na Victor Mugabo, Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Urugaga. Icyo gihe naganiriye na bo ku bibazo bijyanye na ziriya manza ebyiri zimuriwe mu Rwanda na TPIR, ni ukuvuga urwa Uwinkindi n'urwa Munyagishari.

49. Ku birebana n'urubanza rwa Munyagishari, Rutabingwa yamenyesheje ko Urugaga rw'Abavoka rufite inshingano zo kugenera avoka umuntu wese udafite umwunganira kandi adashoboye kumwihembera nka Munyagishari. Rutabingwa kandi yavuze ko yabonye ibaruwa y'Umukuru w'Urwego rushinzwe ubugenzacyaha imenyesha ko Munyagishari adashobora kwhembera avoka umwunganira, bityo akaba agomba kugenerwa avoka uzamwunganira. Rutabingwa rero yamenyesheje ko yagennye Donatien Mucyo, avoka uba i Kigali kandi ufite imyaka irenga 10 y'uburambe ku kazi kuba avoka w'izamu uzunganira Munyagishari.

50. Yavuze ko niba Munyagishari abyifuza, Urugaga rw'abavoka rushobora kumuha urutonde rw'abavoka benshi kurusha urwa mbere rwariho amazina 57. Rutabingwa yakomeje avuga ko itegeko risobanutse bihagije kandi ko Urugaga rw'abavoka rushobora gushyiraho uwo ari we wese mu banyamuryango barwo Munyagishari yahitamo, hapfa kuba gusa nta nyungu zitabangikanywa Avoka afitemo cyangwa cyangwa se nta yindi nenge imubuza kujya muri urwo rubanza. Rutabingwa kandi yavuze ko Munyagishari aramutse yifuje kugira avoka w'umunyamahanga, ubwo Urugaga rw'Abavoka rwabiganiraho na Minisiteri y'Ubutabera y'u Rwanda.

### *J. Kubonana na avoka w'izamu*

51. Ku itariki ya 1 Kanama 2013, nabonanye na Donatien Mucyo Urugaga rw'Abavoka rwari rwagize avoka w'izamu wa Munyagishari uwo munsi.

52. Mucyo yambwiye agiye gukora ibishoboka byose agasura umukiriya we muri gereza, kugira ngo ahabwe amabwiriza arebana n'umuhango wo kwitaba urukiko bwa mbere kwa Munyagishari wari wegereje. Mucyo yavuze ko afite uburambe mu kazi nka avoka, harimo no mu rwego rw'imanza mpanabyaha, kandi ko yizeye ko azashobora kunganira Uregwa ku buryo bumushimishije.

### *K. Munyagishari yitabye bwa mbere Urukiko rw'Ibanze*

53. Ku itariki ya 5 Kanama 2013, Munyagishari yitabye bwa mbere Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge ruyobowe n'umucamanza Felix Ndahigwa. Ubushinjacyaha bwari

buhagarariwe na Rugambwa Ndibwami hari na Mucyo avoka w'izamu wagenwe. Umucamanza Ndahigwa yatangije iburanisha asaba Gerefiye gusoma mu kinyarwanda ibyaha Uregwa ashinjwa. Gerefiye arangije, Munyagishari yasubije mu gifaransa ko, kubera ikibazo cy'ururimi afite, yagombye kwemererwa kwisobanura mu gifaransa.

54. Munyagishari yavuze, na none mu gifarasa, ko atigeze ahabwa inyandiko iyo ari yo yose cyangwa impapuro z'ihamagara zoherejwe n'Urukiko rw'Ibanze kandi ko Urwego rwa Polisi y'Igihugu rwamuzanye imbere y'Urukiko rw'Ibanze nta bubasha rubifitiye.

55. Ndibwami wari uhagarariye Ubushinjacyaha yasubije, mu kinyarwanda, ko Munyagishari agomba kuburana mu kinyarwanda kuko acyumva, kandi Ubushinjacyaha buzabitangira ibimenyetso. Ubushinjacyaha rwifashishije Ingingo ya 23 y'Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda iteganya ko ifatwa n'ifungwa by'uregwa woherejwe na TPIR bizagengwa n'Amategeko ahana y'u Rwanda. Kubera iyo mpamvu, Ubushinjacyaha bwavuze ko imanza zigomba kuburanishwa mu kinyarwanda.

56. Ubushinjacyaha bwongeyeho ko bufite ibimenyetso bigaragaza ko Munyagishari: 1) yavukiye mu Rwanda; 2) afite ubwenegihugu bw'u Rwanda; 3) yize mu Rwanda; 4) yigishije mu Rwanda; 5) yitabye inkiko zo mu Rwanda kandi akazitangamo ubuhamya ; kandi 6) ko yumva ikinyarwanda. Ubushinjacyaha

bwashingiye, by'umwihariko, ku nyandiko y'urubanza rwo mu mwaka wa 1982 rwasomwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwo mu Ruhengeri, aho Munyagishari yaba yaratanze ubuhamya mu kinyarwanda. Ubushinjacyaha bwavuze ko inyandiko zijyanye n'iburanisha mu bujurire zigaragaza ko muri urwo rubanza, Munyagishari yatanze ubuhamya mu kinyarwanda, ndetse ko ikinyarwanda yahavugiye ari cyo cyinshi kurusha igifaransa. Ubushinjacyaha bwifashishije na none Ingingo ya 5 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ivuga ko ururimi rw'igihugu cy'u Rwanda ari ikinyarwanda[8]. Ubushinjacyaha bwongeyeho ko ndetse na Sitati ya TPIR ivuga ko urubanza ruburanishwa mu rurimi uregwa yumva, aho kuba mu rurimi yihitiyemo. Bwashoje buvuga ko, mu izina ry'Abanyarwanda bose, urubanza rugomba kuburanishwa mu kinyarwanda.

57. Ku birebana n'ikibazo cyo kumenya niba kwitaba urukiko bwa mbere byarakurikije amategeko, Ubushinjacyaha bwasubije ko, hashingiwe ku Ngingo ya 99 y'Amategeko ahana, umushinjacyaha afite ububasha bwo gufunga by'agateganyo ukekwaho icyaha no kumujyana kwitaba urukiko rwegereye gereza afungiyemo kurusha izindi nkiko. Ubushinjacyaha bwongeyeho ko Munyagishari yajyanywe imbere y'Urukiko rw'Ibanze kuko ari ari rwo rwari hafi y'Ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali, aho yafatiwe ku mugaragaro akimara koherezwa na TPIR.

[8] « Ururimi ruvugwa mu gihugu ni ikinyarwanda. Indimi zikoreshwa mu mirimo ya Leta ni ikinyarwanda, igifaransa n'icyongereza. » Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, 26 Gicurasi 2003, Ingingo ya 5.

16 Nzeri 2013

58. Ubushinjacyaha burangije kuvuga, Umucamanza Ndahigwa yasabye, mu rurimi rw'ikinyarwanda, Munyagishari gusubiza ku byo Ubushinjacyaha bumaze kuvuga.

59. Mbere y'uko Avoka w'izamu atanga igisubizo abisabwe n'Umucamanza, Munyagishari yafashe ijambo abwira urukiko, mu rurimi rw'igifaransa, ko Mucyo atari avoka yihitiyemo kandi ko atifuza kunganirwa na we. Munyagishari amaze kuvuga atyo, Avoka Mucyo ntiyongeye kugira uruhare mu iryo buranisha.

60. Umucamanza Ndahigwa yarongeye asaba Munyagishari kwiregura mu kinyarwanda, ariko Uregwa asubiza ko atumvise ibyo Umucamanza avuze, ko ari bukomeze kuvuga mu gifaransa. Munyagishari yakomeje kugerageza gukoresha ururimi rw'igifaransa ariko Umucamanza Ndahigwa amubwira ko yafashe icyemezo ko urubanza rukomeza mu kinyarwanda gusa, ko abishatse rero yakwisobanura mu kinyarwanda. Umucamanza yasabye Avoka w'izamu Mucyo gufasha Munyagishari, ariko uyu avuga ko we ari Avoka atari umusemuzi kandi ko atifuza kugira uruhare na rumwe mu iryo buranisha, niba Munyagishari atifuza ko amwunganira.

61. Umucamanza Ndahigwa yasabye Ubushinjacyaha kuvuga ku bindi bibazo bihari. Ubushinjacyaha bwavuze ko Munyagishari yajyanywe imbere y'Urukiko rw'Ibanze kugira ngo hasuzumwe ikibazo cy'ifungwa rye ry'agateganyo. Bwavuze ko itariki yitabiyeho urukiko bwa mbere yari mu gihe amategeko yagennye ko

umushinjacyaha atagomba kukirenza atazanye Uregwa imbere y'ubutabera. Bwasabye Urukiko kongera gufunga Munyagishari by'agateganyo indi minsi 30.

62. Umucamanza Ndahigwa yabajije Munyagishari, mu kinyarwanda, niba yari icyo yongeraho. Munyagishari yasubije, mu gifaransa, ko atumva icyo Umucamanza amubwiye.

63. Icyo gihe Umucamanza yasubitse urubanza kugeza ku itariki ya 6 Kanama 2013, kugira ngo hazatangwe icyemezo cyanditse.

64. Munyagishari yanze gusinya inyandikomvugo y'iburanisha avuga ko atumva ibiyikubiyemo.

### *L. Icyemezo cy'Urukiko rw'Ibanze cyerekeye ifungwa ry'agateganyo*

65. Ku itariki ya 6 Kanama 2013, Umucamanza Ndahigwa yasomye icyemezo cy'Urukiko rw'Ibanze ku byerekeye ifungwa ry'agateganyo rya Munyagishari (urubanza N°0036/DP/13/Nyarugenge). Ndibwami yari ahagarariye Ubushinjacyaha naho Munyagishari adafite avoka umwunganira.

66. Mu cyemezo cye, Umucamanza Ndahigwa yavuze ko yasanze Munyagishari ari Umunyarwanda kandi ko hari ibimenyetso bihagije bigaragaza ko yabaye mu Rwanda kandi akahakora. Ku kibazo cyo gufungwa, Umucamanza Ndahigwa yasanze abatangabuhamya benshi baravuze ku ruhare Munyagishari yagize muri jenoside, kandi ko hari impamvu zifatika zituma akeka ko Munyagishari yagize

uruhare mu bwicanyi ashinjwa. Umucamanza Ndahigwa yavuze ko ubwo TPIR yari itegereje ko hafatwa icyemezo ku cyifuzo cyayo cyo kwimura Munyagishari, na yo yari yabaye imufunze. Kubera iyo mpamvu, uwo mucamanza yategetse ko Munyagishari afungwa indi minsi 30.

67. Ku kibazo cy'ururimi, Umucamanza Ndahigwa yavuze ko yamaze kugifataho icyemezo, ko urubanza ruzaba mu kinyarwanda, nk'uko byagenze mu manza z'abandi baregwa zimuwe zivuye mu nkiko z'ibihugu by'amahanga, zirimo n'urwa Mugesera[9]. Umucamanza Ndahigwa yavuze ko hari ibimenyetso bigaragaza ko Munyagishari yumva ikinyarwanda kandi ko igisabwa gusa ari uko Uregwa agomba kuburanishwa mu rurimi yumva aho kuba ururimi yihitiyemo.

68. Nyuma y'isomwa ry'icyo cyemezo, Munyagishari, yavuze mu gifaransa ko azakijuririra.

### *M. Kubonana n'Umuyobozi wa Gereza ku itariki 7 Kanama 2013*

69. Ku itariki ya 7 Kanama 2013 nabonanye na Bwana Gahima Umuyobozi wa Gereza tuvugana ku mibereho ya Munyagishari muri gereza. Gahima yavuze ko nyuma y'itegeko ry'Urukiko rw'Ibanze ryo ku itariki ya 6 Kanama 2013, Munyagishari

---

[9] Mugesera yoherejwe na Canada ngo aze kuburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda ku byaha aregwa birimo guhamagarira abantu gukora jenoside. Amaze kugera mu Rwanda, Mugesera yagerageje gusaba Urukiko ko urubanza rwe ruburanishirizwa mu Rwanda rugomba kuba mu gifaransa, ururimi yumva, ariko biba iby'ubusa. Mugesera na we afungiye mu gipangu cyihariye cyo muri Gereza Nkuru ya Kigali cyagenewe abaregwa bimurirwa mu Rwanda.

yahise ashyirwa mu maboko y'ubuyobozi bwa Gereza, akagenzurwa n'inzego z'ubutabera[10].

70. Ku birebana no gukoresha telefone, Gahima yavuze ko Munyagishari ashobora gutelefona inshuro ebyiri mu cyumweru, naho Avoka umwunganira agashobora kumuhamagara igihe cyose ashatse, apfa gusa gushyira mu gaciro[11]. Yavuze kandi ko azareba uko yakongerera Munyagishari igihe cyo gukoresha telefone kugira ngo abashe kwihitiriramo avoka azi neza icyo akora mu bari ku rutonde yahawe n'Urugaga rw'Abavoka.

71. Gahima kandi yambwiye ko azakora ibishoboka ngo intebe n'ameza bishyirwe mu cyumba cya Munyagishari.

72. Ku birebana n'ikibazo cy'ibiryo, Gahima yavuze ko isoko ryo gutekera abafungwa ryahawe abantu bikorera ku giti cyabo kandi ko kugena ibiryo bitekwa buri munsi bikorwa hitaweho ibitekerezo bitangwa n'abantu bafungiye mu gipangu cyihariye. Yavuze ko umukozi ushinzwe imibereho myiza muri gereza akorana n'abo bantu bategura ibiryo kandi akanamenyera imfungwa ibindi bikoresho bikenerwa mu rwego rw'imibereho myiza yazo acungwa n'Umuyobozi wa Gereza. Uwo mukozi rero ategeka abo bateka gukora ku buryo ibiryo byatekwa biba ari byiza. Yavuze ko Munyagishari akunda isombe n'ubugari kandi ko kantine ibimuha.

---

[10] Bitandukanye no kuba mu maboko ya polisi cyangwa y'Ubushinjacyaha.

[11] Mu nyandiko y'umwimerere amagambo y'icyongereza « Defence Counsel » yakoreshejwe asobanura avoka cyangwa ba avoka bunganira uregwa.

73. Gahima yavuze ko nta barinzi bafite intwaro cyangwa bambaye gisiviri bajya binjira mu gipangu cyihariye cya gereza; abemerewe kugeramo ni abakozi ba gereza gusa baba bambaye iniforume kandi badafite intwaro.

74. Umuyobozi wa Gereza ya Kigali yavuze kandi ko aho muri gereza harimo abakozi bavuga igifaransa n'igiswayire, ari na zo ndimi Munyagishari yahisemo gukoresha iyo avugana n'abandi.

75. Yatubwiye kandi ko inyandiko izo ari zo zose Munyagishari yandikiye urwego urwo ari rwo rwose, rwaba urw'ubutabera cyangwa ubundi butegetsi, ashobora kuzishyikiriza Umuyobozi wa gereza, na we akazohereza ba nyirazo. Ni na ko bigenda iyo hari inyandiko zagenewe Munyagishari. Zakirwa n'Umuyobozi wa gereza na we akazimushyikiriza bidatinze.

### *N. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 7 Kanama 2013*

76. Ku itariki ya 7 Kanama 2013, nabonanye gato na Munyagishari ubwo nari nagiye kuri Gereza kubonana n'Umuyobozi wayo. Icyo gihe Munyagishari yambwiye ko adafite kopi ya dosiye y'urubanza rwe kandi ko nta yindi nyandiko iturutse mu Rukiko rw'Ibanze yigeze ahabwa. Yavuze kandi ko inyandiko zose zaturutse mu Bushinjacyaha, mu nkiko no mu zindi nzego z'ubutegetsi ziri mu kinyarwanda, kandi atacyumva. Yanambwiye ko atarahitamo avoka, kuko urebye atari yagirana imishyikirano igaragara n'abavoka bari ku rutonde rwatanzwe n'Urugaga

rw'abavoka. Byongeye kandi, Munyagishari yavuze ko Urugaga rutari rwamuha kopi y'urutonde rwuzuye rw'abavoka barwo.

### *O. Iburanisha mu bujurire mu Rukiko Rwisumbuye*

77. Ku itariki ya 12 Kanama 2013, ubujurire bwa Munyagishari wari wajuririye icyemezo cy'Urukiko rw'Ibanze bwagejejwe imbere y'umucamanza Yvette Uwantege wo mu Rukiko Rwisumbuye rw'i Nyamirambo, i Kigali. Nyamara ariko urubanza rwarasubitswe rushyirwa ku tariki ya 14 Kanama 2013, bitewe n'uko Ubushinjacyaha bwasabye guhabwa igihe cyo gusubiza imyanzuro y'ubujurire yatanzwe na Munyagishari.

78. Ku itariki ya 14 Kanama 2013, ubujurire bwa Munyangishari bwongeye kumvwa ku nshuro ya kabiri imbere y'Urukiko Rwisumbuye. Ndibwami yari ahagarariye Ubushinjacyaha, mu gihe Munyagishari yitabye wenyine ; Avoka w'izamu Mucyo wagenwe kumwunganira na we yari mu cyumba cy'iburanisha.

79. Nyuma yo gutangiza iburanisha, mu rurimi rw'ikinyarwanda, umucamanza Yvette Uwantege yasabye Munyagishari gutanga ibisobanuro ku bujurire bwe. Munyagishari yatangiye yisobanura mu gifaransa. Umucamanza Uwantege, avuga mu kinyarwanda, yategetse Munyagishari gusubiza mu kinyarwanda kugira ngo iburanisha ribashe gukomeza, avuga ko Urukiko rwamaze gufata icyemezo ko urubanza ruzaburanishwa mu kinyarwanda.

80. Umucamanza Uwantege yarahindukiye areba avoka w'izamu, ariko Munyagishari avuga ko atigeze ahitamo Avoka Mucyo ngo amwunganire, ko rero adashobora kumwunganira. Avoka Mucyo yasubije ko, icyo akora ari ugusohoza inshingano ze gusa, kuko Urugaga rw'abavoka ari rwo rwamushyizeho. Ariko Mucyo yakomeje avuga ko, niba Munyagishari yarahisemo ko atazamwunganira, ntashobora kwigira avoka we ku gahato. Kubera iyo mpamvu, Urukiko Rwisumbuye rwavuze ko ruhaye Mucyo uburenganzira bwo kutagira uruhare mu rubanza.

81. Ubushinjacyaha bwasubije ko hashingiwe ku Ngingo ya 39 y'Amategeko agenga imiburashirize y'imanza nshinjabyaha, uregwa nka Munyagishari afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga avoka wagenwe n'Urugaga rw'abavoka. Ikindi kandi, niba Munyagishari akomeje kuvuga mu rurimi rw'igifaransa, Urukiko rugomba gusuzuma icyo kibazo.

82. Umucamanza Uwantege amaze kumva ibivugwa n'Ubushinjacyaha, yanzuye ko hari ibimenyetso bihagije bigaragaza ko Munyagishari yumva ikinyarwanda. Byongeye kandi, umucamanza Uwantege yavuze ko mu manza zisa n'urwo zaburanishijwe mu nkiko zo mu Rwanda, hafashwe icyemezo ko zigomba kuburanishwa mu kinyarwanda. Bityo Urukiko Rwisumbuye, mu cyemezo cyarwo mu magambo, rwanzuye ko iburanisha mu bujurire rigiye gukomeza mu kinyarwanda.

83. Ku kibazo cyo kugenera Munyagishari Avoka, Ubushinjacyaha bwavuze ko hashingiwe ku Ngingo ya 39 y'Amategeko ahana, Urugaga rw'abavoka rugomba kugena avoka, Munyagishari agashobora kumwemera cyangwa kumwanga. Kubera iyo mpamvu, Ubushinjacyaha bwasabye ko iburanisha ryasubikwa kugira ngo bubanze buvugane n'Urugaga rw'Abavoka rw'i Kigali na rwo rubashe kugenera Munyagishari avoka. Kubera iyo mpamvu, Urukiko Rwisumbuye rwasubitse iburanisha kugeza ku itariki ya 21 Kanama 2013 kugira ngo Ubushinjacyaha bubashe kuvugana n'Urugaga rw'Abavoka rw'i Kigali.

84. Iburanisha mu bujurire ryasubukuwe imbere y'Urukiko Rwisumbuye ku itariki ya 21 Kanama 2013. Ndibwami yari ahagarariye Ubushinjacyaha naho Munyagishari ari kumwe na Jean-Baptiste Niyibizi na John Hakizimana, abavoka babiri bo mu Rugaga rw'Abavoka rw'i Kigali[12]. Iburanisha rigitangira, umucamanza Uwantege, yavuze mu kinyarwanda ko mbere Urukiko Rwisumbuye rwari rwafashe icyemezo ko urubanza ruzakomeza mu kinyarwanda. Avuga ko igihe kigeze ko Ubwunganzizi bwisobanura ku bujurire bwabwo mu mizi ku birebana n'ifungwa ry'agateganyo.

85. Niyibizi yavuze, mu izina rya Munyagishari, ko n'ubwo bwose Urukiko Rwisumbuye rwanzuye ko urwo rubanza ruzakomeza mu kinyarwanda, asaba ko

[12] Avoka Niyibizi ni na Avoka wungirije mu rubanza rwa Uwinkindi, ruburanishirizwa mu Rukiko Rukuru rw'u Rwanda kuva akimara koherezwa mu Rwanda na TPIR. Avoka Hakizimana aba i Kigali kandi ni umunyamuryango w'Urugaga rw'Abavoka rw'i Kigali.
urugaga rwa KBA.

rwareba ukuntu rwashyiraho umusemuzi uzafasha Munyagishari, kuko atumva ikinyarwanda. Mu izina rya Munyagishari, Avoka Hakizimana na we yavuze ko we na Avoka Niyibizi ari bwo bakimara gutoranywa na Munyagishari, ngo bamwunganire, ku buryo bw'agateganyo, ariko ko nta buryo babonye bwo kugera kuri dosiye, bityo Ubwunganizi bukaba bukeneye igihe cyo gutegura imyanzuro yabwo. Avoka Hakizimana yavuze ko we na Niyibizi bashobora kunganira Munyagishari ari uko babonye idosiye y'urubanza ndetse n'umwanya uhagije wo gutegura urubanza bafatanyije na Munyagishari. Avoka Hakizimana yifashishije ubukemuramanza bwo mu rubanza rwa Mugesera na we woherejwe mu Rwanda. Mugesera wafashwe muri Gashyantare 2012 yongerewe igihe kugeza muri Gicurasi 2012 kugira ngo abashe gutegura urubanza rwe.

86. Ubushinjacyaha bwavuze mu kinyarwanda ko Munyagishari agomba gufatwa nk'aho yashyikirijwe dosiye ye kuko ari we wanze kuyakira ubwo yasurwaga muri gereza n'abakozi bo mu Rwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru. Ndibwami kandi yavuze ko Avoka Mucyo wabanje kuba Avoka w'izamu wa Munyagishari yari yarahawe kopi ya dosiye. Igihe yamburwaga inshingano ze rero yagombye kuba yarayishubije umukiriya we. Ubushinjacyaha bwavuze ko, bitewe n'uko urubanza rurebana gusa n'ikibazo cy'ifungwa rukaba rutaburanishwa mu mizi, Abavoka bunganira Uregwa bagombye kubasha gutegura urubanza bidatinze.

87. Mu gusubiza, Avoka Niyibizi yavuze ko bitewe n'uko Avoka Mucyo atigeze aba avoka wa Munyagishari, nta kuntu rero yaba yarashubije Munyagishari idosiye ye.

Avoka Niyibizi na Avoka Hakizimana bombi bavuze ko batabashije kubona ibyanditswe n'Ubushinjacyaha kandi ko nta n'umwanya ugaragara babonye wo guhabwa amabwiriza n'umukiriya wabo. Avoka Hakizimana yongeyeho ko we na Niyibizi Ubuyobozi bwa Gereza butabahaye igihe gihagije cyo kubonana na Munyagishari. Yavuze ko rimwe na rimwe basabaga uruhushya hanyuma Ubuyobozi bukabatsembera.

88. Urukiko Rwisumbuye rumaze kumva ibivugwa n'ababuranyi, rwasubitse iburanisha kugeza ku tariki ya 23 Kanama 2013 kugira ngo rubashe gutanga icyemezo.

89. Ku itariki ya 23 Kanama 2013, mu cyemezo cyanditse, Urukiko Rwisumbuye rwanze kwakira icyifuzo cyasabaga ko hashyirwaho umusemuzi wo gufasha Munyagishari, rwongera gushimangira ko hari ibimenyetso byerekana ko Munyagishari yumva kandi avuga ikinyarwanda. Ku birebana n'ikibazo cyo kwemerera Abavoka bunganira Munyagishari kumusura muri gereza, Urukiko Rwisumbuye rwavuze ko nta bubasha rufite bwo kugenzura ubuyobozi bwa gereza ku buryo rwabutegeka kureka abo bavoka bombi bagahura na Munyagishari. Icyakora, urwo Rukiko rwemeye gusubika urubanza kugeza ku itariki ya 2 Nzeri 2013 kugira ngo Ubwunganizi bubashe gutegura urubanza.

90. Ku itariki ya 2 Nzeri 2013, urwo rubanza rwongeye gusubukurwa hasuzumwa ubujurire bwa Munyagishari burebana n'ifungwa ry'agateganyo. Avoka Niyibizi na Avoka Hakizimana bunganiye Munyagishari. Urubanza rwaburanishijwe mu

kinyarwanda. Avoka Hakizimana yavuze ko we na Avoka Niyibizi batoranyijwe na Munyagishari by'agateganyo, mu gihe hagitegerejwe ikizava mu mishyikirano agomba kugirana n'Urugaga rw'abavoka.

91. Umucamanza Uwantege yasabye Abavoka b'agateganyo gusobanura ingingo z'ubujurire bwabo. Avoka Niyibizi yavuze ko Umucamanza Uwantege yafashe icyemezo ko urubanza rugomba kuburanishwa mu kinyarwanda atanabanje kumva ibivugwa n'ababuranyi kuri iyo ngingo. Avoka Niyibizi avuga ko ibyo binyuranyije n'igika cya 3 n'icya 4 by'Ingingo ya 50 y'Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha. Avuga kandi ko umucamanza Uwantege yafashe icyo cyemezo mbere y'uko dosiye n'izindi nyandiko zatanzwe mu rubanza zigezwa ku Bavoka bunganira Uregwa, kandi ari bo bonyine bashoboraga gusubiza mu buryo bukwiye ku bivugwa n'Ubushinjacyaha.

92. Umucamanza Uwantege yasubije ko bitewe n'uko Ubwunganizi bugaragaje ko butamufitiye icyizere, idosiye azayohereza kwa Perezida w'Urukiko Rwisumbuye, kugira ngo abe ari we uzagena niba urubanza ruzakomeza kuburanishwa n'umucamanza Uwantege.

93. Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rero yanze icyifuzo cy'Ubwunganizi, maze ategeka ko iburanisha rizakomereza imbere y'umucamanza Uwantege ku itariki 10 Nzeri 2013[13].

94. Ku itariki ya 10 Nzeri 2013, Urukiko Rwisumbuye na none rwasubitse urwo rubanza kugera ku itariki 23 Nzeri kugira ngo hazatangwe ingingo z'ubujurire bwa Munyagishari bwerekeye ifungwa ry'agateganyo[14].

### *P. Kubonana na Munyagishari ku itariki ya 21 Kanama 2013*

95. Ku itariki ya 21 Kanama 2013, nabonanye umwanya muto Munyangishari kuri Gereza. Yamenyesheje ko bitewe n'uko Urugaga rw'Abavoka rwananiwe kumugenera Avoka yihitiyemo, yabaye atoranyije Avoka Niyibizi na Avoka Hakizimana kugira ngo bamwunganire by'agateganyo mu gihe hagitegerejwe ikizava mu mishyikirano n'Urugaga rw'Abavoka.

96. Munyagishari kandi yambwiye ko ku itariki ya 6 Kanama 2013 yashyikirije ubuyobozi bwa Gereza ibaruwa asaba guhabwa ibikoresho by'ibanze, ariko ko kugeza uwo munsi yari atarabona igisubizo kandi n'ibyo bikoresho yari atarabihabwa. Ibyo bikoresho birimo intebe, ameza na dekoderi (« *decoder* ») ya televiziyo.

---

[13] Abagenzuzi ntibarashobora kubona inyandikomvugo ikubiyemo ibyabereye muri ayo maburanisha yo mu Rukiko Rwisumbuye. Ibyavugiwe muri ayo maburanisha bizagarukwaho muri raporo z'ubugenzuzi zitaha.

[14] Ni kimwe no haruguru.

97. Munyagishari yongeye kuvuga ko ubwoko n'ingano y'ibiryo agaburirwa bishobora kugirira nabi ubuzima bwe. Umukozi ushinzwe imibereho myiza muri gereza yamubwiye ko igiciro cy'ibiryo ahabwa kuri buri gaburo kitagomba kurenza amafaranga 1500 y'u Rwanda. Kubera iyo mpamvu, Munyagishari yatubwiye ko, we na bagenzi bafunganywe, rimwe na rimwe bahitamo kudafata ifunguro rya saa sita, kugira ngo nijoro babashe kurya «ibiryo bibahagije » by'ibihumbi bitatu.

98. Mu gusoza, Munyagishari yavuze ko habayeho ubukererwe mu itangwa ry'amabaruwa ye ndetse n'inyandiko zirebana n'urubanza zinyuzwa mu biro b'ubuyobozi bwa gereza mbere yo kugezwa ku bo zigenewe.

### *Q. Urugaga rw'abavoka rwagennye Avoka umwunganira.*

99. Ku itariki ya 30 Kanama 2013, Perezida w'Urugaga yamenyesheje Munyagishari ko nta kibazo na gito rufite mu kugena ba Avoka Niyibizi na Hakizimana ngo bamwunganire. Perezida w'Urugaga kandi yabwiye Munyagishari ko urutonde rwuzuye rw'abavoka biyandikishije mu Rugaga rw'Abavoka rw'i Kigali rushobora kuboneka ku rubuga rwa « interineti » rw'urwo Rugaga. Iyo baruwa yaje ari igisubizo cy'iyo Munyagishari yari yaranditse ku itariki ya 21 Kanama 2013, asaba ko Urugaga rugena ba Avoka Niyibizi na Hakizimana ngo babe bamwunganira ku « buryo bw'agateganyo ».

16 Nzeri 2013

### *R. Kurinda umutekano w'abatangabuhamya*

100. Ku itariki ya 31 Nyakanga 2013, nabonanye na Janvier Bayingana, impuguke mu byo kurinda umutekano w'abatangabuhamya wahawe akazi n'Urukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda kugira ngo ayobore ishami ryarwo rishinzwe kwita ku batangabuhamya (WPU mu magambo ahinnye y'icyongereza). Bayingana

yakorerega Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya no ku bakorewe ibyaha rya TPIR. Yahakoze imyaka igera ku icumi, i Kigali na Arusha.

101. Bayingana yanyeretse uko inzego z'ubuyobozi zikurikirana muri WPU anantambagiza mu gice cyatunganyijwe mu Rukiko rw'Ikirenga cyagenewe abatangabuhamya barindiwe umutekano igihe bitabye Urukiko rw'Ikirenga. Bayingana yavuze ko mu rwego rw'ubuyobozi no mu kazi, akuriwe na Gerefiye Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga, ku rwego rwo hejuru akaba akuriwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda.

102. Bayingana avuga ko ingengo y'imari ya WPU ihagije mu rwego rwo gukomeza guhindura no kuvugurura igice cyagenewe kwakira abatangabuhamya barindiwe umutekano mu nyubako y'Urukiko rw'Ikirenga. Yambwiye ko gahunda yo kugura ibikenewe mu rwego rwo gutunganya kurushaho aho hantu, yatangiye.

103. Bayingana avuga ko WPU izita ku bibazo byo mu rwego rwa rusange n'ibijyanye no kurengera umutekano w'abatangabuhamya mu rwego rw'ubutabera, kubitaho, kumenya umutekano wabo, ubuzima no kwita ku ngendo zabo. Yavuze ko hari gahunda yumvikanyweho n'ibitaro bimwe bya Leta biri muri Kigali yerekeranye no kuvura mu ibanga rikomeye no gufasha abatangabuhamya barindiwe umutekano, uko bikenewe, bagize ibibazo by'indwara zisanzwe n'iby'imitekerereze.

104. Bayingana yakomeje avuga ko WPU ifite ibikoresho n'ibindi bya ngombwa biyifasha kugera ku batangabuhamya barindiwe umutekano no kubafasha ahantu hose mu Rwanda, kandi ko mu ngengo y'imari ya WPU hateganijwe amafaranga y'inzu irindiwe umutekano ishobora gucumbikira abatangabuhamya barindiwe umutekano. Bayingana yavuze kandi ko WPU iteganya kugira ububikoshingiro bw'imyirondoro y'abatangabuhamya kugira ngo izabashyirireho ingamba zo kubarindira umutekano na nyuma y'iburanisha, Urukiko ruramutse rubitegetse.

105. Bayingana yavuze ko WPU izi ibikenewe byihariye ku manza zoherejwe mu Rwanda na TPIR n'inkiko z'ibindi bihugu bigengwa n'Itegeko rigenga imanza zoherejwe mu Rwanda. Yavuze ko WPU izakomeza imyiteguro mu rwego rwo kubahiriza ibya ngombwa bisabwa ku batangabuhamya bazatanga ubuhamya bari hanze y'u Rwanda hakoreshejwe ubuhanga bw'itumanaho bwa *video-link*. Bayingana yavuze ko hazafatwa ingamba zijyanye n'ibiteganywa mu ngingo ya 15 y'Itegeko rirebana n'imanza zoherezwa mu Rwanda kugira ngo abatangabuhamya

bazava hanze baje gutanga ubuhamya mu manza zoherejwe mu Rwanda badasakwa, badafatirirwa ibintu cyangwa badafungwa.

106. Bayingana yambwiye ko ingengo y'imari ya WPU igizwe n'ibice bibiri. Igice cya mbere kigizwe n'amafaranga avanwa ku ngengo y'imari isanzwe y'Urukiko rw'Ikirenga, naho igice cya kabiri kikaba kigizwe n'amafaranga atangwa n'abaterankunga bo hanze.

### *S. Kubonana no kuganira n'abategetsi bo muri Leta*

107. Ku itariki ya 7 Kanama 2013, nabonanye na Pascal Ruganintwali Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera, akaba n'Intumwa yungirije ya Leta y'u Rwanda. Ruganintwali yanyijeje ko Minisiteri y'ubutabera yiyemeje kuzatanga amafaranga agenda ku bwunganizi bw'Abaregwa –nka Munyagishari- boherejwe mu Rwanda kandi badashoboye kwihembera abavoka, akaba azanyuzwa mu Rugaga rw'Abavoka rw'i Kigali, nk'uko biteganywa mu mabwiriza ariho.

108. Ku itariki ya 28 Kanama 2013, natumiwe mu nama yahuje Bongani Majola Gerefiye wa TPIR na Alphonse Hitiyaremye Umushinjacyaha Mukuru Wungirije w'u Rwanda. Muri iyo nama, abakozi bo mu Rwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru bamenyesheje Majola aho imanza za Munyagishari na Uwinkindi zoherejwe mu Rwanda zigeze[15]. Abakozi b'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru bagaragaje ko

[15] Ibyaganiriweho birebana n'urubanza rwa Uwinkindi bizasobanurwa ukwabyo muri raporo y'ubugenzuzi imwerekeye.

bishimiye intambwe imaze guterwa mu rubanza rwa Munyagishari, n'ubufatanye bwaranze TPIR n'ubutegetsi bw'u Rwanda mu gikorwa cyo kumwimura.

109. Mu byo Habiyaremye yamenyesheje Majola, harimo ko Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru bwahaye akazi abakozi babiri bahoze bakora mu Biro bya Porokireri muri TPIR ari bo Florida Kabasinga na Aisha Kagabo, kugira ngo bafashe kandi bagire inama Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru ku bibazo bijyanye n'izo manza zimuriwe mu Rwanda.

110. Ku itariki ya 29 Kanama 2013, natumiwe mu nama yabereye muri Minisiteri y'Ubutabera yahuje Bwana Majola na Minisitiri w'Ubutabera Bwana Johnston Busingye akaba n'Intumwa nkuru ya Leta y'u Rwanda.

### *T. Izindi nama, ibyakozwe, n'ibitekerezo*

111. Mu gihe bari mu Rwanda, abagenzuzi babonana n'abantu batandukanye bafite uruhare ku manza zimuriwe mu Rwanda. Muri abo bantu harimo abakozi bo mu nzego z'butabera, abashinjacyaha n'abunganira abaregwa, abakozi bakuru b'inkiko, abakozi ba gereza, abadipolomate n'abantu bo muri sosiyete sivile.

112. Muri raporo bakoze, abagenzuzi bagiye bagendera ku mabwiriza yatanzwe na TPIR na MICT ku birebana na gahunda y'ubugenzuzi. By'umwihariko, abagenzuzi bazirikanye ibiteganywa mu ngingo ya 3.3 y'Amabwiriza arebana no kugenzura imanza zoherejwe imbere y'inkiko zo mu bihugu hashingiwe ku Ngingo ya 11 *bis*,

bikorwa n'abagenzuzi bakorera TPIR ivuga ibikurikira : « Abakozi ba TPIR ntibashobora kuvuga igitekerezo cyabo bwite ku birebana n'imizi y'imanza zoherejwe n'iy'izindi ziburanishwa mu nkiko z'ibihugu, cyangwa ku mikorere y'inzego z'ubutabera muri rusange »[16]. Iyi ngingo yanditswe uko iri, hahinduwe ibigomba guhinduka, mu ngingo ya C-6 *y*'Amabwiriza agenga abagenzuzi b'agateganyo mu rubanza rwa Bernard Munyagishari yatanzwe na MICT ku itariki ya 10 Nzeri 2013.

113. Abakozi ba TPIR n'aba MICT bafasha mu rwego rw'ibikoresho abagenzuzi bari mu butumwa mu Rwanda.

114. Abakozi bahoze ari aba TPIR bahawe amasezerano y'akazi kugira ngo babashe gusemurira abagenzuzi no kubahindurira inyandiko.

115. Abakozi ba MICT bakorera i Kigali borohereza akazi ko kohereza no kwakira inyandiko hagati ya Munyagishari na MICT. Bahaye kandi Munyagishari kopi y'Amategeko remezo ya MICT mu rurimi rw'igifaransa.

## III. UMWANZURO

116. Imiburanishirize mbanzirizarubanza mu rubanza rwa Munyagishari iracyakomeza. Muri iki gihe, Urukiko Rwisumbuye rurimo kumva ababuranyi ku bujurire bwa

[16] Urubanza Jean Uwinkindi aburana na Porokireri, N° TPIR-2001-75-AR11*bis*, Itegeko ryerekeye ingamba z'ubugenzuzi zafashwe na TPIR, 29 Kamena 2012, Umugereka A, Ingingo 3.3.

Munyagishari bwerekeye ifungwa ry'agateganyo. Uregwa yashyikirije Urukiko ibyo yinubira birebana n'uburenganzira bwe bwo gucibwa urubanza ruboneye.

Murakoze.

Anees Ahmed

Umugenzuzi wa TPIR/MICT mu rubanza rwa Munyagishari.

- - - - -